RADIO MARIA RWANDA IWACU

N° 013

FM 88,6 FM97,3 FM99,4FM99,8 Nyakanga 2014

Ijwi rya gikirisitu riguherekeza aho uri hose

IWACU MURI RADIO MARIA RWANDA

15 Kanama 2004-15 Kanama 2014 : Imyaka 10 y'iyogezabutumwa

Dr Bernardin Rutwaza,Peresida wa RMR yagezaga ijambo ku bari I Kibeho umwaka ushize

Ku munsi mukuru wa Asomusiyo, kuri 15 Kanama 2014, Radio Maria Rwanda izaba yizihiza imyaka 10 imaze isakaza amajwi yayo. Nkuko bisanzwe, Radio Maria Rwanda izifatanya n'abakristu mu rugendo Nyobokamana i Kibeho mu rwego rwo gushimira Umubyeyi Bikira Mariya, Umwamikazi wa Radio Maria, kubera ubuntu ahora agirira radiyo ye. Iyi sabukuru y'imyaka 10 yizihijwe Radio Maria Rwanda imaze kubona ubuzima gatozi ,ifite imishinga ibiri ikomeye, ikeneyemo inkunga zihariye z'abakristu n'abakunzi bayo: ***hari ukubaka inyubako yayo mu Mujyi wa Kigali ifite agaciro ka miliyoni 182 z'amfaranga y'u Rwanda, (imirimo imaze gutwara miliyoni 17), hari no kwimurira ibyuma byayo ku musozi wa Huye muri Diyosezi ya Butare na Gihundwe muri Diyosezi ya Cyangugu (imirimo yaratangiye, ikaba izarangira itwaye akayabo ka miliyoni zisaga 22, harimo n'amahoro ya gasutamo ku bikoresho bikenewe)***. Ibirori nyirizina byo kwizihiza isabukuru y'imyaka 10 ya Radio Maria Rwanda biteganyijwe ku **Cyumweru, ku itariki ya 26 Ukwakira 2014. Mwese muratumiwe**

Imyaka 10 y'iyogezabutumwa ***«Nimu jye mu isi hose, mwamamaze Inkuru Nziza mu biremwa byose»*** *(Mk 16, 15)*

IJAMBO RY'IBANZE

Kuva tariki ya 15 Kanama 2004 kugeza tariki ya 15 Kanama, imyaka icumi irashize Radio Maria Rwanda itugezaho Inkuru Nziza y'umukiro. Muri iyi myaka icumi, Radio Maria Rwanda yatubereye inzira iboneye Umubyeyi Bikira Mariya yaduhaye kugira ngo dukomeze kwakira urukundo rw'Imana mu mitima yacu. Twishimire ko muri iki gihe duhimbaza imyaka icumi, benshi mu bakunzi ba RMR, mumaze kumva ko Radio Maria Rwanda ibeshejweho n'ubuntu bw'Imana. Turabashimira inkunga zose mwagiye mutera Radio Maria Rwanda. Mwemeye kuba imiyoboro Imana yanyujijemo ubuntu bwayo mu gufasha Radio Maria Rwanda gukomeza ukwemera n'ukwizera kw'abantu bose, by'umwihariko abanyantege nke. Intego twihaye mu kwizihiza iyi myaka icumi, iragira iti"Twisunze Umubyeyi Bikira Mariya, mureke duhuze imbaraga n'ubushobozi, dufashe Radio Maria Rwanda kugera mu duce itarageramo." Impano zose muzatanga muzirikana isabukuru ya Radio Maria Rwanda, zizadufasha gushyira mu bikorwa iyi ntego, bityo abatuye mu mpande zose z'igihugu cyacu, dukomeze gusangira ibyiza Nyagasani akomeza kutugabira abinyujije kuri Radio Maria Rwanda.

Isabukuru nziza.

Gufasha Radio Maria Rwanda ni ugufasha Yezu na Bikira Mariya gukiza isi!

2004-2014

INKURU MU MAFOTO

Muri uku kwezi kwa Nyakanga abakozi ba RMR bashyize umukono ku mihigo y'akazi

Abakozi bashyira umukono ku masezerano y'imihigo

Abakozi ba RMR basoma imihigo yabo,

Abayobozi ba RMR bakira imihigo y'abakozi

RADIO MARIA RWANDA yakiriye amahugurwa y'abahuzabikorwa ba Radio Maria zikoresha ururimi rw'igifaransa muri Africa

Abahuzabikorwa ba Radio Maria ,BURUNDI,RWANDA,RDC na BURKINA FASO bafata Certificat hamwe na Paulo Taffuli umuhuzabikorwa ku rwego rwa Africa

RADIO MARIA RWANDA MU BAKUNZI BAYO

Ibiteganyijwe gukorwa muri gahunda za Radio Maria Rwanda

Amatariki	Aho ariho	Igikorwa
02 Kanama 2014	Paruwasi Kigarama	Kwifatanya na Padri Valens TWAGIRAMUNGU muri Yubile y'imyaka 25 y'Ubusaseridoti
03 Kanama 2014	Paruwasi Burehe	Gutambutsa misa y'itangwa ry'isakramentu ry'Ubusaseridoti
06 Kanama 2014	Kibeho	Gutambutsa misa y'abana ba Arikidiyosezi ya Kigali mu rugendo nyobokamana
09 Kanama 2014	Paruwasi Katedarali Saint Michel	Gutambutsa misa y'itangwa ry'isakramentu ry'Ubusaseridoti
10 Kanama 2014	Paruwasi Kabuga(Kabgayi)	Gutambutsa misa y'isabukuru y'imyaka icumi ya paruwasi
15 Kanama 2014	Kibeho	Umunsi w'Ijyanwa mu ijuru rya Bikira Mariya n'isabukuru ya Radio Maria Rwanda y'imyaka icumi. Kwifatanya n'abari i Kibeho.
16 Kanama 2014	Paruwasi NGAMBA	Gutambutsa misa y'itangwa ry'isakramentu ry'Ubusaseridoti
17 Kanama 2014	Paruwasi NYABINYENGA	Gutambutsa misa y'isabukuru y'imyaka icumi ya paruwasi
24 Kanama 2014	Paruwasi HANIKA	Gutambutsa misa ya yubile y'imyaka 50 ya paruwasi
31 Kanama 2014	Paruwasi NYABITIMBO	Gutambutsa misa y'itangwa ry'isakramentu ry'Ubusaseridoti

UKO RADIO MARIA RWANDA YARI IHAGAZE MU KWEZI KWA KARINDWI 2014

	Amafaranga yari akenewe	Amafaranga yabonetse	Amafaranga yakoreshejwe	Imyenda
	28 271 812	7 557 650	14 836 868	9 170 000

Muri uku kwezi kwa karindwi inkunga zabonetse zagize uruhare ruhwanye na 40% mu buzima bwa Radio Maria Rwanda.Ni ukuvuga ko ibitarakozwe cyangwa ibyakozwe bitishyuwe bihwanye na 60% y'ibyagombaga gukorwa byose.

AMAFARANGA AKENEWE NA RADIO MARIA RWANDA MU KWEZI KWA MUNANI 2014

Kwishyura imyenda	Amafaranga asanzwe akenewe	Amafarang akenewe yose hamwe	Amafaranga ahari
9 170 000	11 334 359	20 504 359	3 369 284

Muri uku kwezi kwa munani kandi ibikorwa byo kubaka ingoro ya Radio Maria Rwanda bizakomeza, bikaba bizinjira mu cyiciro cya kabiri cy'imirimo

Ushobobora gushyigikira imirimo y'inyubako ya RMR ; koresha konti

N° 056-0635810-37 BK

KIGALI : Inkunga z'ibikoresho ku nyubako ya RMR zirakirwa

Umukristukazi yatanze ikamyo y'umucanga ngo RMR yuzuze inzu yayo .Photo Cryspin K.

Mukamana Julienne, umukristukazi wo muri Paruwasi yitiriwe Mutagatufu Petero CYAHAFI yahaye RMR inkunga y'umucanga uzayifasha mu nyubako yayo yatangiye kubaka i KIBAGABAGA. Atanga iyi ikamyo y'umucanga yavuze ko icyo gitekerezo yagikuye ku mukecuru w'i KIBUNGO yumvise yahaye inka RMR, ati « *nanjye nk'umukristu numvise hari icyo nakora cyiyongera ku byo nari nsanzwe nkora kugirango ingoma y'Imana yogere.*»Kuva mu mwaka 2010 ubwo Radio Maria Rwanda yamenyeshaga abakunzi bayo umushinga wo kubaka icyicaro cyayo mu mujyi wa Kigali, abantu benshi barabyishimiye ndetse banatangira kuyitera inkunga, abenshi bavuze ko bazatanga inkunga y'ibikoresho nk'amasima, imicanga ndetse n'amabuye. Ubu aho imirimo igeze nibwo abubaka batangiye gukenera bya bikoresho abakunzi ba Radio Maria bemeye nk'uko twabitangarijwe n'abafundi twasanze ku kibanza bavuga ko fondation yarangiye ubu bakeneye amasima n'amatafari kugirango imirimo yihute.